| <p>n'irangamimerere zidatangirwa ku rwego rw'Akagari no gutanga izindi serivisi ziteganywa n'amategeko zidatangirwa ku rwego rw'Akagari;</p> <p>(f) kugenzura itangwa rya serivisi mu nzego zikorera mu Murenge;</p> <p>(g) gutegura raporo ya buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa no kuyigeza kuri Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge kugira ngo na yo iyigeze ku Nama Njyanama y'Umurenge;</p> <p>(h) gucunga neza umutungo n'imari bya Leta biri mu Murenge;</p> <p>(i) gutegura gahunda zijyanye n'iterambere mu Murenge;</p> <p>(j) gukurikirana imishinga y'iterambere ikorera mu Murenge;</p> <p>(k) kugeza ku Nama Njyanama y'Umurenge amabwiriza y'Akarere.</p> | <p>not delivered at the Cell level and provide other services not delivered at the Cell level;</p> <p>(f) to monitor service delivery of institutions operating in the Sector;</p> <p>(g) to prepare and submit a report, on monthly basis and whenever necessary, to the Bureau of the Sector Council for submission, by the latter, to the Sector Council;</p> <p>(h) to ensure good management of State property and finance in the Sector;</p> <p>(i) to prepare Sector development plans;</p> <p>(j) to monitor development projects operating in the Sector;</p> <p>(k) to submit to the Sector Council instructions of the District.</p> | <p>relatifs à l'état civil qui ne sont pas fournis au niveau de la Cellule et fournir d'autres services qui ne sont pas disponibles au niveau de la Cellule ;</p> <p>(f) faire le suivi de la prestation de services des institutions œuvrant dans le Secteur ;</p> <p>(g) préparer et soumettre mensuellement et chaque fois que de besoin le rapport au Bureau du Conseil de Secteur pour transmission, par ce dernier, au Conseil de Secteur ;</p> <p>(h) assurer la bonne gestion du patrimoine et des finances de l'État dans le Secteur ;</p> <p>(i) préparer les plans de développement du Secteur ;</p> <p>(j) faire le suivi des projets de développement œuvrant dans le Secteur ;</p> <p>(k) soumettre au Conseil de Secteur les instructions du District.</p> |
|--|---|---|

| Ingingo ya 13: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge | Article 13: Responsibilities of the Executive Secretary of the Sector | Article 13 : Attributions du Secrétaire Exécutif de Secteur |
|--|---|--|
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge afite inshingano zikurikira: | The Executive Secretary of the Sector has the following responsibilities: | Le Secrétaire Exécutif de Secteur a les attributions suivantes : |
| (a) kuyobora Umurenge akurikije amategeko abigenga; | (a) to manage the Sector in accordance with relevant laws; | (a) gérer le Secteur conformément à la législation en la matière ; |
| (b) guhagararira Umurenge mu zindi nzego; | (b) to represent the Sector before other institutions; | (b) représenter le Secteur devant d'autres institutions ; |
| (c) guhuza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki za Leta mu Murenge; | (c) to coordinate and monitor the implementation of Government policies in the Sector; | (c) coordonner et faire le suivi de l'exécution des politiques de l'État dans le Secteur ; |
| (d) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Umurenge; | (d) to monitor the implementation of resolutions of the Sector Council; | (d) faire le suivi de l'exécution des résolutions du Conseil de Secteur ; |
| (e) gukurikirana imishinga ikorerwa mu Murenge; | (e) to monitor the projects implemented in the Sector; | (e) faire le suivi des projets exécutés dans le Secteur ; |
| (f) gucunga umutungo wa Leta uri mu Murenge no kubikorera raporo ishyikirizwa Inama Njyanama y'Umurenge akagera kopi ubuyobozi bw'Akarere; | (f) to manage the State property located in the Sector and make a report thereon to be submitted to the Sector Council with a copy to the District authority; | (f) gérer le patrimoine de l'État situé dans le Secteur et en faire un rapport à soumettre au Conseil de Secteur avec copie à l'autorité du District ; |
| (g) kuyobora, mu izina ry'Umunyamabanga | (g) to lead on behalf of the Executive Secretary of the District the staff | (g) diriger au nom du Secrétaire Exécutif de District le personnel du District |

Official Gazette n° Special of 08/02/2023

| | | |
|--|---|---|
| <p>Nshingwabikorwa w’Akarere, abakozi b’Akarere bakorera mu Murenge no gukurikirana imicungire yabo;</p> | <p>members of the District working at the Sector level and follow up its management;</p> | <p>affecté dans le Secteur et assurer le suivi de sa gestion ;</p> |
| <p>(h) kuba umwanditsi w’irangamimerere ku rwego rw’Umurenge no gukurikirana imirimo y’irangamimerere ikorerwa ku rwego rw’Utugari;</p> | <p>(h) to act as a registrar of civil status at the Sector level and monitor civil status services performed at the Cell level;</p> | <p>(h) assurer les fonctions d’officier de l’état civil au niveau du Secteur et assurer le suivi des services de l’état civil rendus au niveau des Cellules ;</p> |
| <p>(i) gutumira no kuyobora inama, nibura rimwe mu kwezi, imuhuza n’Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Utugari tugize Umurenge kugira ngo basuzumire hamwe ibibazo rusange by’Umurenge;</p> | <p>(i) to convene and chair a meeting with the Executive Secretaries of the Cells of the Sector, at least once a month, to collectively examine the general issues of the Sector;</p> | <p>(i) convoquer et présider une réunion, au moins une fois par mois, avec les Secrétaires Exécutifs des Cellules composant le Secteur en vue d’examiner ensemble les problèmes généraux du Secteur ;</p> |
| <p>(j) gukurikirana imiyoborere y’Utugari tugize Umurenge no kutwongerera ubushobozi;</p> | <p>(j) to monitor the governance of the Cells of the Sector and strengthen their capacity;</p> | <p>(j) faire le suivi de la gouvernance des Cellules composant le Secteur et renforcer leur capacité ;</p> |
| <p>(k) gushyira umukono ku nyandiko zisohora amafaranga ahabwa Umurenge nk’uko biteganywa n’amategeko abigenga;</p> | <p>(k) to sign documents that account for spending money allocated to the Sector in accordance with relevant laws;</p> | <p>(k) signer les documents qui engagent les dépenses de l’argent alloué au Secteur conformément à la législation en la matière ;</p> |
| <p>(l) gushyikiriza Biro y’Inama Njyanama y’Umurenge ingingo yifuza ko zasuzumwa n’Inama Njyanama y’Umurenge;</p> | <p>(l) to propose to the Bureau of the Sector Council items to be considered on the agenda of the meeting of the Sector Council;</p> | <p>(l) proposer au Bureau du Conseil de Secteur les points à examiner à l’ordre du jour de la réunion du Conseil de Secteur ;</p> |
| <p>(m) kurangiza imanza hakurikijwe amategeko abigenga;</p> | <p>(m) to enforce judgments in accordance with relevant laws;</p> | <p>(m) exécuter les jugements conformément à la législation en la matière ;</p> |

| | | |
|--|--|--|
| <p>(n) gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano ze yahabwa n'Inama Njyanama y'Umurenge, Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa itegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Isimburwa ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge</p> <p>Komite Nyobozi y'Akarere igena umwe mu bakozi usimbura Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge igihe adahari.</p> <p><u>Akiciro ka 3:</u> Komite y'Umutekano y'Umurenge</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano, imiterere n'imikorere bya Komite y'Umutekano y'Umurenge</p> <p>Inshingano, imiterere n'imikorere bya Komite y'Umutekano y'Umurenge bigenwa n'amategeko abigenga.</p> <p><u>Icyiciro cya 3:</u> Imikoranire y'inzego z'Umurenge n'iz'Akarere</p> | <p>(n) to perform any other duty related to his or her responsibilities as may be assigned by the Sector Council, the Executive Committee of the District or the law.</p> <p><u>Article 14:</u> Replacement of the Executive Secretary of the Sector</p> <p>The District Executive Committee designates an employee who replaces the Executive Secretary of the Sector when he or she is absent.</p> <p><u>Sub-section 3:</u> Security Committee of the Sector</p> <p><u>Article 15:</u> Responsibilities, organization and functioning of Security Committee of the Sector</p> <p>Responsibilities, organization and functioning of the District Security Committee are determined by relevant laws.</p> <p><u>Section 3:</u> Collaboration between Sector organs and District organs</p> | <p>(n) accomplir toute autre tâche relative à ses attributions qui peut lui être confiées par le Conseil de Secteur, ou le Comité Exécutif de District ou la loi.</p> <p><u>Article 14 :</u> Remplacement du Secrétaire Exécutif de Secteur</p> <p>Le Comité Exécutif de District désigne un employé qui remplace le Secrétaire Exécutif de Secteur en cas de son absence.</p> <p><u>Sous-section 3 :</u> Comité de Sécurité de Secteur</p> <p><u>Article 15 :</u> Attributions, organisation et fonctionnement du Comité de sécurité de de Secteur</p> <p>Les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité de sécurité de Secteur sont déterminés par les lois en la matière.</p> <p><u>Section 3 :</u> Collaboration entre les organes de Secteur et ceux du District</p> |
|--|--|--|

| | | |
|--|--|---|
| <p><u>Ingingo ya 16: Amabwiriza y'Akarere</u></p> <p>Amabwiriza y'Akarere ahabwa Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge, Inama Njyanama y'Umurenge ikagenerwa kopi.</p> | <p><u>Article 16: Instructions of the District</u></p> <p>Instructions of the District are given to the Executive Secretariat of the Sector with a copy to the Sector Council.</p> | <p><u>Article 16 : Instructions du District</u></p> <p>Les instructions du District sont données au Secrétariat Exécutif de Secteur avec copie au Conseil de Secteur.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 17: Raporo y'ibikorwa by'Umurenge</u></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yoherereza Ubuyobozi bw'Akarere raporo y'ibikorwa by'Umurenge rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa, akagera kopi Inama Njyanama y'Umurenge.</p> | <p><u>Article 17: Report of Sector activities</u></p> <p>The Executive Secretary of the Sector submits a report of the Sector activities to the Authority of the District once a month and whenever necessary, with a copy to the Sector Council.</p> | <p><u>Article 17 : Rapport d'activités de Secteur</u></p> <p>Le Secrétaire Exécutif de Secteur soumet un rapport d'activités de Secteur à l'Autorité de District une fois par mois et chaque fois que de besoin, avec copie au Conseil de Secteur.</p> |
| <p><u>UMUTWE WA III: INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'AKAGARI</u></p> | <p><u>CHAPTER III: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE CELL</u></p> | <p><u>CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA CELLULE</u></p> |
| <p><u>Icyiciro cya mbere: Inshingano z'Akagari</u></p> | <p><u>Section One: Responsibilities of the Cell</u></p> | <p><u>Section première : Attributions de la Cellule</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 18: Inshingano z'Akagari</u></p> <p>Akagari gafite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gutanga serivisi z'ibanze;</p> <p>(b) gukusanya imibare;</p> | <p><u>Article 18: Responsibilities of the Cell</u></p> <p>The Cell has the following responsibilities:</p> <p>(a) to provide the basic services;</p> <p>(b) to collect numerical data;</p> | <p><u>Article 18 : Attributions de la Cellule</u></p> <p>La Cellule a les attributions suivantes :</p> <p>(a) fournir les services de base ;</p> <p>(b) collecter les données chiffrées ;</p> |

| | | |
|---|---|--|
| <p>(c) gushishikariza abaturage kwitabira no kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere rirambye.</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Imiterere n'imikorere by'Akagari</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Inzego z'ubuyobozi bw'Akagari</p> <p>Inzego z'ubuyobozi bw'Akagari ni izi zikurikira:</p> <p>(a) Inama Njyanama y'Akagari;</p> <p>(b) Ubunyamabanga Nshingwabikorwa;</p> <p>(c) Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari.</p> <p><u>Akiciro ka mbere:</u> Inama Njyanama y'Akagari</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Abagize Inama Njyanama y'Akagari</p> <p>Inama Njyanama y'Akagari igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) umujyanama umwe uturwa ku rwego rwa buri Mudugudu ugize Akagari;</p> | <p>(c) to encourage the population to contribute to and participate in sustainable development activities.</p> <p><u>Section 2:</u> Organisation and functioning of the Cell</p> <p><u>Article 19:</u> Management organs of the Cell</p> <p>Management organs of the Cell are the following:</p> <p>(a) the Cell Council;</p> <p>(b) the Executive Secretariat;</p> <p>(c) the Consultative Committee on Development of the Cell.</p> <p><u>Sub-section One:</u> Cell Council</p> <p><u>Article 20:</u> Composition of the Cell Council</p> <p>The Cell Council is composed of the following members:</p> <p>(a) one councillor elected at the level of each Village of the Cell;</p> | <p>(c) encourager la population à contribuer et à participer aux activités de développement durable.</p> <p><u>Section 2 :</u> Organisation et fonctionnement de la Cellule</p> <p><u>Article 19 :</u> Organes de direction de la Cellule</p> <p>Les organes de direction de la Cellule sont les suivants :</p> <p>(a) le Conseil de Cellule ;</p> <p>(b) le Secrétariat Exécutif ;</p> <p>(c) le Comité consultatif pour le développement de la Cellule.</p> <p><u>Sous-section première :</u> Conseil de Cellule</p> <p><u>Article 20 :</u> Composition du Conseil de Cellule</p> <p>Le Conseil de Cellule est composé des membres suivants :</p> <p>(a) un conseiller élu au niveau de chaque Village de la Cellule ;</p> |
|---|---|--|

| | | |
|---|--|--|
| <p>(b) Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku rwego rw’Akagari;</p> <p>(c) Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Akagari;</p> <p>(d) Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw’Akagari;</p> <p>(e) abajyanama b’abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana by’abagize Inama Njyanama y’Akagari;</p> <p>(f) uhagarariye abayobozi b’ibigo by’amashuri y’incuke biri mu Kagari, iyo bihari;</p> <p>(g) uhagarariye abarimu b’amashuri abanza ari mu Kagari;</p> <p>(h) uhagarariye abikorera mu Kagari.</p> | <p>(b) the Coordinator of the National Youth Council at the Cell level;</p> <p>(c) the Coordinator of the National Women Council at the Cell level;</p> <p>(d) the Coordinator of the National Council of Persons with Disabilities at the Cell level;</p> <p>(e) the female councillors who constitute at least thirty per cent of the members of the Cell Council;</p> <p>(f) a representative of head teachers of nursery schools located in the Cell, if any;</p> <p>(g) a representative of teachers of primary schools located in the Cell;</p> <p>(h) a representative of private sector in the Cell.</p> | <p>(b) le Coordinateur du Conseil National de la Jeunesse au niveau de la Cellule;</p> <p>(c) la Coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau de la Cellule ;</p> <p>(d) le Coordinateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau de la Cellule ;</p> <p>(e) les conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pour cent des membres du Conseil de la Cellule;</p> <p>(f) un représentant des directeurs des écoles maternelles situées dans la Cellule, s’il y en a ;</p> <p>(g) un représentant des enseignants des écoles primaires situées dans la Cellule ;</p> <p>(h) un représentant du secteur privé dans la Cellule.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 21:</u> Irahira ry’abagize Inama Njyanama y’Akagari</p> <p>(1) Abatorewe kuba abagize Inama Njyanama</p> | <p><u>Article 21:</u> Swearing in of members of the Cell Council</p> <p>(1) Members elected to the Cell Council take</p> | <p><u>Article 21 :</u> Prestation de serment des membres du Conseil de Cellule</p> <p>(1) Les membres du Conseil de Cellule élus</p> |

| | | |
|--|--|---|
| <p>y'Akagari barahirira mu ruhame, mu gihe kitarenze iminsi itatu batowe, indahiro y'abayobozi iteganywa n'Itegeko Nshinga ry'a Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>(2) Umuhango wo kurahira uyoborwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge cyangwa undi muntu wabihereye ububasha mu nyandiko n'ubuyobozi bw'Akarere.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'Inama Njyanama y'Akagari</u></p> <p>Inama Njyanama ni rwo rwego rukuru rw'Akagari rufata ibyemezo ku ngingo zijyanye n'inshingano z'Akagari bitanyuranyije n'amategeko, amabwiriza cyangwa ibyemezo by'inzego zisumbuye.</p> <p><u>Ingingo ya 23: Ubukorerabushake bw'abagize Inama Njyanama y'Akagari</u></p> <p>Abagize Inama Njyanama y'Akagari bakora inshingano zabo mu bukorerabushake hagamijwe guteza imbere abaturage mu rwego rw'imiyoborere myiza n'imibereho myiza.</p> | <p>in public, within three days following their election, an oath of public officials as provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda.</p> <p>(2) The swearing in ceremony is presided over by the Authority of the Sector or any other person authorised in writing by the Authority of the District.</p> <p><u>Article 22: Responsibilities of the Cell Council</u></p> <p>The Cell Council is the highest organ of the cell that takes decisions on issues related to the responsibilities of the Cell that are not contrary to laws, instructions or decisions of higher organs.</p> <p><u>Article 23: Voluntary service of members of the Cell Council</u></p> <p>The members of the Cell Council perform their responsibilities on voluntary basis for the development of the community with regard to good governance and social welfare.</p> | <p>prêtent en public, endéans trois jours qui suivent leur élection, le serment des autorités prévu par la Constitution de la République du Rwanda.</p> <p>(2) La cérémonie de prestation de serment est présidée par l'Autorité de Secteur ou toute autre personne autorisée par écrit par l'Autorité du District.</p> <p><u>Article 22 : Attributions du Conseil de Cellule</u></p> <p>Le Conseil de Cellule est l'organe suprême de la Cellule qui prend des décisions sur les aspects relatifs aux attributions de la Cellule, qui ne sont pas contraires aux lois, aux instructions ou aux décisions des instances hiérarchiquement supérieures.</p> <p><u>Article 23 : Volontariat des membres du Conseil de Cellule</u></p> <p>Les membres du Conseil de Cellule exercent leurs attributions à titre bénévole pour le développement de la communauté dans le domaine de la bonne gouvernance et du bien-être social.</p> |
|--|--|---|

| | | |
|--|--|--|
| <p><u>Ingingo ya 24: Biro y’Inama Njyanama y’Akagari</u></p> <p>(1) Biro y’Inama Njyanama y’Akagari igizwe na Perezida, Visi Perezida n’Umunyamabanga batorwa mu bagize Inama Njyanama y’Akagari nyuma y’uko barahira.</p> <p>(2) Inama ya Biro y’Inama Njyanama y’Akagari iterana rimwe mu kwezi n’igihe cyose bibaye ngombwa.</p> | <p><u>Article 24: Bureau of the Cell Council</u></p> <p>(1) The Bureau of the Cell Council is composed of the Chairperson, Vice-Chairperson and the Secretary who are elected from members of the Cell Council after swearing in.</p> <p>(2) The meeting of the Bureau of the Cell Council is held once a month and whenever necessary.</p> | <p><u>Article 24 : Bureau du Conseil de Cellule</u></p> <p>(1) Le Bureau du Conseil de Cellule est composé d’un Président, d’un Vice-Président et d’un Secrétaire qui sont élus parmi les membres du Conseil de Cellule après leur prestation de serment.</p> <p>(2) La réunion du Bureau du Conseil de Cellule se réunit une fois le mois et chaque fois que de besoin.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 25: Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama Njyanama y’Akagari</u></p> <p>(1) Inama y’Inama Njyanama y’Akagari itumizwa mu nyandiko na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida, igihe Perezida adahari, hasigaye nibura iminsi irindwi ngo inama iterane.</p> <p>(2) Inama y’Inama Njyanama y’Akagari iterana rimwe mu mezi abiri n’igihe cyose bibaye ngombwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida, igihe Perezida adahari.</p> <p>(3) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inama Njyanama y’Akagari iterane ni bibiri bya gatatu by’abayigize.</p> | <p><u>Article 25: Convening and holding of meeting of the Cell Council</u></p> <p>(1) The meeting of the Cell Council is convened in writing by its Chairperson or Vice-Chairperson, in case of absence of its Chairperson, at least seven days before the meeting is held.</p> <p>(2) The meeting of the Cell Council is held once every two months and whenever necessary and is presided over by its Chairperson or the Vice-Chairperson, in case of absence of the Chairperson.</p> <p>(3) The quorum for the meeting of the Cell Council is two thirds of its members.</p> | <p><u>Article 25 : Convocation et tenue de la réunion du Conseil de Cellule</u></p> <p>(1) La réunion du Conseil de Cellule est convoquée par écrit par son Président ou son Vice-Président, en cas d’absence du Président, au moins sept jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>(2) La réunion du Conseil de Cellule se tient une fois tous les deux mois et chaque fois que de besoin et elle est présidée par son Président ou son Vice-Président, en cas d’absence du Président.</p> <p>(3) Le quorum de la réunion du Conseil de Cellule est de deux tiers de ses membres.</p> |

| | | |
|--|---|---|
| <p>(4) Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama irasubikwa ikongera gutumizwa kandi igaterana mu gihe kitarenze iminsi 15. icyo gihe, inama iterana iyo hari nibura kimwe cya gatatu cy'abagize Inama Njyanama y'Akagari.</p> | <p>(4) If the quorum is not reached, the meeting is postponed, reconvened and takes place within 15 days. In that case, the meeting is held when at least a third of the members of the Cell Council are present.</p> | <p>(4) Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée, convoquée de nouveau et se tient endéans 15 jours. Dans ce cas, la réunion se tient lorsqu'au moins un tiers des membres du Conseil de Cellule sont présents.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 26: Kohereza ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akagari no kubigenzura</u></p> | <p><u>Article 26: Submission of resolutions of the Cell Council and verification</u></p> | <p><u>Article 26 : Soumission des résolutions du Conseil de Cellule et leur vérification</u></p> |
| <p>(1) Perezida w'Inama Njyanama y'Akagari yohereza Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge Akagari gaherereyemo, ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akagari mu gihe kitarenze iminsi itanu ibarwa uherye ku muni inama yateraniyeho, kugira ngo bugenzure ko bikurikije amategeko, akagera kopi Ubuyobozi bw'Akarere.</p> | <p>(1) The Chairperson of the Cell Council submits to the Executive Secretariat of the Sector in which the Cell is located, the resolutions of the Cell Council within five days from the date of the meeting, in order for the Executive Secretariat to verify their compliance with laws, with a copy to the Authority of the District.</p> | <p>(1) Le Président du Conseil de Cellule soumet au Secrétariat Exécutif de Secteur dans lequel se trouve la Cellule, les résolutions du Conseil de Cellule endéans cinq jours à compter du jour de la tenue de la réunion, pour que le Secrétariat Exécutif vérifie leur conformité aux lois, et il en réserve une copie à l'Autorité du District.</p> |
| <p>(2) Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge, bugira icyo buvuga ku byemezo by'Inama Njyanama y'Akagari, mu gihe kitarenze iminsi irindwi y'akazi uherye ku muni bwabishyikirijweho.</p> | <p>(2) The Executive Secretariat of the Sector gives its views on the resolutions of the meeting of the Cell Council, within seven working days from the date of receipt of the resolutions.</p> | <p>(2) Le Secrétariat Exécutif de Secteur donne son point de vue sur les résolutions de la réunion du Conseil de Cellule, endéans sept jours ouvrables à partir de la date de réception de ces résolutions.</p> |
| <p>(3) Ubuyobozi bw'Akarere bushobora kugira inama Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge ku byemezo by'Inama Njyanama y'Akagari bwageneweho kopi.</p> | <p>(3) The Authority of the District may advise the Executive Secretariat of the Sector on the resolutions of the Cell Council of which it received a copy.</p> | <p>(3) L'Autorité du District peut donner des conseils au Secrétariat Exécutif du Secteur sur les résolutions du Conseil de Cellule dont elle a reçu une copie.</p> |

| | | |
|--|---|--|
| <p>Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari</p> <p><u>Ingingo ya 27: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari</u></p> <p>(1) Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari bugizwe n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa n’abandi bakozi bashyirwa mu myanya hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari ni abakozi b’Akarere bashinzwe gushyira mu bikorwa buri muni inshingano z’Akagari.</p> <p>(3) Abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari, mu mirimo yabo ya buri muni, bayoborwa n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge.</p> | <p><u>Sub-section 2: Executive Secretariat of the Cell</u></p> <p><u>Article 27: Composition of the Executive Secretariat of the Cell</u></p> <p>(1) The Executive Secretariat of the Cell is composed of the Executive Secretary and other staff members appointed in accordance with relevant laws.</p> <p>(2) Cell Executive Secretariat staff members are employees of the District in charge of implementing the Cell responsibilities on a daily basis.</p> <p>(3) The staff members of Cell Executive Secretariat, in their daily activities, are supervised by the Executive Secretary of the Sector.</p> | <p><u>Sous-section 2 : Secrétariat Exécutif de Cellule</u></p> <p><u>Article 27 : Composition du Secrétariat Exécutif de Cellule</u></p> <p>(1) Le Secrétariat Exécutif de Cellule est composé du Secrétaire Exécutif et d’autres membres du personnel affectés conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Les membres du personnel du Secrétariat Exécutif de Cellule sont des employés de District qui sont chargés de l’exécution quotidienne des attributions de Cellule.</p> <p>(3) Les membres du personnel du Secrétariat Exécutif de Cellule, dans leurs activités quotidiennes, sont supervisés par le Secrétaire Exécutif de Secteur.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 28: Inshingano z’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari</u></p> <p>Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari bufite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gukusanya imibare ku bijyanye n’imibereho rusange y’abaturage b’Akagari;</p> | <p><u>Article 28: Responsibilities of the Executive Secretariat of the Cell</u></p> <p>The Executive Secretariat of the Cell has the following responsibilities:</p> <p>(a) to collect numerical data on the general welfare of the Cell population;</p> | <p><u>Article 28 : Attributions du Secrétariat Exécutif de Cellule</u></p> <p>Le Secrétariat Exécutif de Cellule a les attributions suivantes :</p> <p>(a) collecter des données chiffrées sur le bien-être général de la population de la Cellule ;</p> |

| | | |
|--|---|--|
| <p>(b) gushishikariza abaturage kwitabira ibikorwa by'iterambere rirambye no kubigiramo uruhare.</p> <p><u>Ingingo ya 29: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari</u></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gukora imirimo ya buri muni ijyanye n'ubuyobozi bw'Akagari;</p> <p>(b) gukurikirana imikorere ya Komite ishinze umuganda ku rwego rw'Akagari;</p> <p>(c) gukurikirana imirimo ya Komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari;</p> <p>(d) kuba umwanditsi w'irangamimerere w'ivuka n'urupfu byabereye ahatari mu kigo cy'ubuzima ku bantu bafite irangamimerere rizwi, ashingiye ku makuru yatanze n'Umukuru w'Umudugudu uwo muntu yavukiyemo cyangwa yafiriyemo;</p> | <p>(b) to encourage the population to participate in and contribute to sustainable development activities.</p> <p><u>Article 29: Responsibilities of the Executive Secretary of the Cell</u></p> <p>The Executive Secretary of the Cell has the following responsibilities:</p> <p>(a) to perform daily duties related to Cell administration;</p> <p>(b) to monitor the performance of <i>umuganda</i> supervising Committee at the Cell level;</p> <p>(c) to monitor activities of land Committee at the Cell level;</p> <p>(d) to be a civil registrar with regards to birth and death occurred in place other than health facility for persons who have a known civil status, basing on information provided by the Head of the Village where the person was born or died;</p> | <p>(b) encourager la population à participer et à contribuer aux activités de développement durable.</p> <p><u>Article 29 : Attributions du Secrétaire Exécutif de Cellule</u></p> <p>Le Secrétaire Exécutif de Cellule a les attributions suivantes :</p> <p>(a) accomplir les activités quotidiennes relatives à l'administration de la Cellule ;</p> <p>(b) assurer le suivi de la performance du Comité de supervision d'<i>umuganda</i> au niveau de la Cellule ;</p> <p>(c) assurer le suivi des activités du Comité foncier au niveau de la Cellule ;</p> <p>(d) être l'officier de l'état civil pour les naissances et les décès qui ont eu lieu dans un lieu autre qu'un établissement de santé pour les personnes ayant un état civil connu, en se basant sur les informations données par le Chef du Village dans lequel la personne est née ou décédée;</p> |
|--|---|--|

Official Gazette n° Special of 08/02/2023

| | | |
|---|--|--|
| <p>(e) gutanga serivisi z'irangamimerere ziteganywa n'amategeko zidatangirwa ku rwego rw'Umurenge;</p> <p>(f) gukora inyandiko y'uwapfuye no kugaragaza, iyo bishoboka, impamvu ishobora kuba yateye urupfu, iyo urwo rupfu rwabereye ahatari mu kigo cy'ubuzima;</p> <p>(g) gutanga, afatanyije n'Umukuru w'Umudugudu umuntu yapfiriye, mbere yo kumushyingura, kopi y'inyandiko y'uwapfuye igaragaza ko umuntu ufite irangamimerere ritazwi yapfuye, iyo yapfiriye ahatari mu kigo cy'ubuzima;</p> <p>(h) gutanga, mu nyandiko, uruhushya rwo gushyingura iyo muganga ubifitiye ububasha atatanze icyemezo cy'urupfu;</p> <p>(i) gukusanya imibare fatizo igaragaza uko Akagari gahagaze muri rusange no kuyigeza ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;</p> <p>(j) gutegura raporo zose zisabwa ubuyobozi bw'Akagari;</p> | <p>(e) to provide civil status services specified by the law which are not delivered at the Sector level;</p> <p>(f) to draw up death record and, if possible, to determine probable cause of death in case the death occurred in a place other than a health facility;</p> <p>(g) to issue, in collaboration with the Head of the Village where the death took place, before burial, a copy of death record for a person with unknown civil status, in case the death occurred in a place other than a health facility;</p> <p>(h) to issue, in writing, a burial permit in case the authorised doctor has not issued a death certificate;</p> <p>(i) to gather basic statistical data on the state of the Cell and submit them to the Executive Secretary of the Sector;</p> <p>(j) to prepare all reports requested from the Cell administration;</p> | <p>(e) donner d'autres services de l'état civil prévus par la loi qui ne sont pas fournis au niveau du Secteur ;</p> <p>(f) dresser un acte de décès et, si possible, déclarer la cause probable du décès lorsque le décès a eu lieu dans un lieu autre qu'un établissement de santé ;</p> <p>(g) délivrer, en collaboration avec le Chef de Village du lieu de décès, avant l'enterrement, une copie de l'acte de décès d'une personne n'ayant pas l'état civil connu, lorsque le décès a eu lieu dans un lieu autre qu'un établissement de santé ;</p> <p>(h) octroyer, par écrit, un permis d'enterrement, en cas d'absence du certificat de décès délivré par un médecin habilité ;</p> <p>(i) rassembler les données statistiques de base relatives à l'état général de la Cellule et les soumettre au Secrétaire Exécutif de Secteur ;</p> <p>(j) préparer tous les rapports demandés à l'administration de la Cellule ;</p> |
|---|--|--|

| | | |
|--|--|--|
| <p>(k) kubika inyandiko zose z’Akagari;</p> <p>(l) kuba umwanditsi w’inama za Komite Ngishwanama mu Iterambere ry’Akagari;</p> <p>(m)gucunga umutungo w’Akagari;</p> <p>(n) gushyira mu bikorwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zemejwe n’inzego zisumbuye zibifitiye ububasha n’izindi zemejwe n’Inama Njyanama y’Akagari;</p> <p>(o) gukora izindi nshingano zateganywa n’andi mategeko.</p> | <p>(k) to keep all documents of the Cell;</p> <p>(l) to be a rapporteur of meetings of the Consultative Committee on Development of the Cell;</p> <p>(m) to manage the property of the Cell;</p> <p>(n) to implement and monitor the implementation of programs approved by competent higher authorities and those approved by the Cell Council;</p> <p>(o) to perform other responsibilities as may be specified by other laws.</p> | <p>(k) conserver tous les documents de la Cellule ;</p> <p>(l) être le rapporteur des réunions du Comité consultatif pour le développement de la Cellule ;</p> <p>(m)gérer le patrimoine de la Cellule ;</p> <p>(n) mettre en œuvre et assurer la mise en œuvre des programmes approuvés par les instances supérieures compétentes ainsi que ceux approuvés par le Conseil de Cellule ;</p> <p>(o) accomplir d’autres attributions qui peuvent être prévues par d’autres lois.</p> |
| <p><u>Akicro ka 3: Komite Ngishwanama mu Iterambere ry’Akagari</u></p> | <p><u>Sub-section 3: Consultative Committee on Development of the Cell</u></p> | <p><u>Sous-section 3 : Comité consultatif pour le développement de la Cellule</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 30: Inshingano za Komite Ngishwanama mu Iterambere ry’Akagari</u></p> | <p><u>Article 30: Responsibilities of the Consultative Committee on Development of the Cell</u></p> | <p><u>Article 30 : Attributions du Comité consultatif pour le développement de la Cellule</u></p> |
| <p>Komite Ngishwanama mu Iterambere ry’Akagari ifite inshingano zikurikira:</p> | <p>The Consultative Committee on Development of the Cell has the following responsibilities:</p> | <p>Le Comité consultatif pour le développement de la Cellule a les attributions suivantes :</p> |
| <p>(a) kugira inama Akagari mu byerekeye ubukungu;</p> | <p>(a) to advise the Cell in economic matters;</p> | <p>(a) donner des conseils à la Cellule en matière économique ;</p> |

Official Gazette n° Special of 08/02/2023

| | | |
|--|---|---|
| <p>(b) gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zemejwe n'inzego zibifitiye ububasha n'izemejwe n'Inama Njyanama y'Akagari;</p> <p>(c) gukurikirana no gutanga inama ku itangwa rya serivisi ku baturage;</p> <p>(d) kugaragaza ibikorwa by'ingenzi bigomba kwitabwaho muri gahunda zo kurwanya ubukene no mu itangwa rya serivisi;</p> <p>(e) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo kurwanya ubukene mu Kagari;</p> <p>(f) gutanga inama ku isaranganywa ry'ibikorwa by'iterambere mu Kagari;</p> <p>(g) gukemura amakimbirane ashobora kuvuka hagati y'inzego zifite uruhare mu iterambere ry'Akagari.</p> | <p>(b) to assess the implementation of the programmes approved by the competent organs and those approved by the Cell Council;</p> <p>(c) to monitor and advise on the provision of services to the community;</p> <p>(d) to identify fundamental activities to be considered in poverty eradication programmes and service provision;</p> <p>(e) to monitor the implementation of poverty eradication programmes in the Cell;</p> <p>(f) to advise on equitable distribution of development activities in the Cell;</p> <p>(g) to settle disputes that may arise among organs involved in development of the Cell.</p> | <p>(b) évaluer la mise en exécution des programmes approuvés par les organes compétents et ceux approuvés par le Conseil de Cellule ;</p> <p>(c) faire le suivi et donner des conseils sur la prestation de services en faveur de la communauté ;</p> <p>(d) identifier les activités fondamentales à prendre en considération dans les programmes d'éradication de la pauvreté et dans la prestation de services ;</p> <p>(e) faire le suivi de la mise en exécution des programmes d'éradication de la pauvreté dans la Cellule ;</p> <p>(f) donner des conseils sur la répartition équitable des activités de développement dans la Cellule ;</p> <p>(g) résoudre les conflits pouvant survenir entre les organes impliqués dans le développement de la Cellule.</p> |
|--|---|---|

| Ingingo ya 31: Abagize Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari | Article 31: Composition of the Consultative Committee on Development of the Cell | Article 31 : Composition du Comité consultatif pour le développement de la Cellule |
|--|---|--|
| <p>(1) Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) abakuru b'Imidugudu igize Akagari;</p> <p>(b) uhagarariye Intore zituye muri buri Mudugudu ugize Akagari;</p> <p>(c) uhagarariye imiryango itari iya Leta ikorera mu Kagari;</p> <p>(d) uhagarariye abarimu b'amashuri yisumbuye ari mu Kagari, iyo ahari;</p> <p>(e) uhagarariye abikorera mu Kagari;</p> <p>(f) uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Kagari;</p> <p>(g) uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu Kagari;</p> | <p>(1) The Consultative Committee on Development of the Cell is composed of the following members:</p> <p>(a) heads of Villages of the Cell;</p> <p>(b) a representative of <i>Intore</i> who reside in each Village of the Cell;</p> <p>(c) a representative of non-governmental organisations operating in the Cell;</p> <p>(d) a representative of teachers of secondary schools located in the Cell, where applicable;</p> <p>(e) a representative of the private sector in the Cell;</p> <p>(f) a representative of the National Youth Council in the Cell;</p> <p>(g) a representative of the National Women Council in the Cell;</p> | <p>(1) Le Comité consultatif pour le développement de la Cellule est composé des membres suivants :</p> <p>(a) les chefs des Villages composant la Cellule ;</p> <p>(b) un représentant des <i>Intore</i> qui résident dans chaque Village de la Cellule ;</p> <p>(c) un représentant des organisations non-gouvernementales œuvrant dans la Cellule ;</p> <p>(d) un représentant des enseignants des écoles secondaires situées dans la Cellule, le cas échéant ;</p> <p>(e) un représentant du secteur privé dans la Cellule ;</p> <p>(f) un représentant du Conseil National de la Jeunesse dans la Cellule ;</p> <p>(g) un représentant du Conseil National des Femmes dans la Cellule ;</p> |

| | | |
|---|---|--|
| <p>(h) uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga mu Kagari, iyo ahari;</p> <p>(i) undi muntu ubuyobozi bw'Akagari bwabona ko ari ngombwa.</p> <p>(2) Abagize Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari bitoramwo Perezida na Visi Perezida bayo. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ni we mwanditsi wa Komite.</p> | <p>(h) a representative of the National Council of Persons with Disabilities in the Cell, if there is any;</p> <p>(i) any other person whom the Cell authorities may consider necessary.</p> <p>(2) Members of the Consultative Committee on Development of the Cell elect among themselves a Chairperson and a Vice-Chairperson. The Executive Secretary of the Cell is the rapporteur of the Committee.</p> | <p>(h) un représentant du Conseil National des Personnes Handicapées dans la Cellule, s'il y en a ;</p> <p>(i) toute autre personne que les autorités de la Cellule peuvent juger nécessaire.</p> <p>(2) Les membres du Comité Consultatif pour le Développement de la Cellule élisent parmi eux un Président et un Vice-Président. Le Secrétaire Exécutif de Cellule est le rapporteur du Comité.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 32: Itumizwa n'iterana by'inama ya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari</u></p> | <p><u>Article 32: Convening and holding of meeting of the Consultative Committee on Development of the Cell</u></p> | <p><u>Article 32 : Convocation et tenue de la réunion du Comité consultatif pour le développement de la Cellule</u></p> |
| <p>(1) Inama ya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari itumizwa mu nyandiko na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida, igihe Perezida adahari, hasigaye nibura iminsi irindwi ngo inama iterane.</p> | <p>(1) The meeting of the Consultative Committee on Development of the Cell is convened in writing by its Chairperson or Vice-Chairperson, in case of absence of the Chairperson, at least seven days before the meeting is held.</p> | <p>(1) La réunion du Comité consultatif pour le développement de la Cellule est convoquée par écrit par son Président ou son Vice-Président, en cas d'absence du Président, au moins sept jours avant la tenue de la réunion.</p> |
| <p>(2) Inama ya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari iterana rimwe mu mezi atandatu n'igihe cyose bibaye ngombwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida, igihe Perezida adahari.</p> | <p>(2) The meeting of the Consultative Committee on Development of the Cell is held every six months and whenever necessary and presided over by its Chairperson or the Vice-Chairperson, in case of absence of the Chairperson.</p> | <p>(2) La réunion du Comité consultatif pour le développement de la Cellule se tient une fois tous les six mois et chaque fois que de besoin et elle est présidée par son Président ou son Vice-Président, en cas d'absence du Président.</p> |

| | | |
|--|--|---|
| <p>(3) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize.</p> <p>(4) Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama irasubikwa ikongera gutumizwa kandi igaterana mu gihe kitarenze iminsi 15. Icyo gihe, inama iterana iyo hari nibura kimwe cya gatatu cy'abagize Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari kandi igasuzuma gusa ibyari ku murongo w'ibiyigwa mu nama yasubitswe.</p> | <p>(3) The quorum for the meeting of the Consultative Committee on Development of the Cell is two-thirds of its members.</p> <p>(4) If the quorum is not reached, the meeting is postponed, reconvened and takes place within 15 days. In that case, the meeting is held when at least a third of the members of the Consultative Committee on Development of the Cell are present and examines only the items on the agenda of the postponed meeting.</p> | <p>(3) Le quorum de la réunion du Comité consultatif pour le développement de la Cellule est de deux tiers de ses membres.</p> <p>(4) Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée, convoquée de nouveau et se tient endéans 15 jours. Dans ce cas, la réunion se tient lorsqu'au moins un tiers des membres du Comité consultatif pour le développement de la Cellule sont présents et délibère seulement sur les sujets à l'ordre du jour de la réunion reportée.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 33: Ifatwa ry'ibyemezo bya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari</u></p> <p>Ibyemezo by'inama ya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Komite bitabiriye inama. Iyo amajwi angana, ijwi ry'uyoboye inama rikemura impaka.</p> | <p><u>Article 33: Decision-making of the Consultative Committee on Development of the Cell</u></p> <p>Decisions of the meeting of the Consultative Committee on Development of the Cell are taken by consensus. In the absence of consensus, decisions are taken by absolute majority of votes of the members of the Committee present. In case of tie, the Chairperson of the meeting has a casting vote.</p> | <p><u>Article 33 : Prise de décisions du Comité consultatif pour le développement de la Cellule</u></p> <p>Les décisions de la réunion du Comité consultatif pour le développement de la Cellule sont prises par consensus. Faute de consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue de voix des membres du Comité présents. En cas d'égalité de voix, la voix du Président de la réunion est prépondérante.</p> |

| | | |
|--|--|---|
| <p><u>Ingingo ya 34:</u> Itangwa ry'inyandiko mvugo y'inama ya Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari</p> <p>(1) Perezida wa Komite Ngishwanama mu Iterambere ry'Akagari ashikiriza Inama Njyanama y'Akagari inyandiko mvugo y'inama, mu gihe kitarenze iminsi itanu ibarwa uherye ku munsu inama yateraniyeho, kugira ngo iyifateho icyemezo.</p> <p>(2) Ibyemezo biri mu nyandiko mvugo ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari.</p> | <p><u>Article 34:</u> Submission of the minutes of the meeting of the Consultative Committee on Development of the Cell</p> <p>(1) The Chairperson of the Consultative Committee on Development of the Cell submits, within five days from the date of the meeting, the minutes of the meeting to the Cell Council for decision.</p> <p>(2) The decisions contained in the minutes referred to in paragraph (1) of this Article are implemented by the Executive Secretary of the Cell.</p> | <p><u>Article 34 :</u> Soumission du procès-verbal de la réunion du Comité consultatif pour le développement de la Cellule</p> <p>(1) Le Président du Comité consultatif pour le développement de la Cellule soumet, endéans cinq jours à compter du jour de la tenue de la réunion, le procès-verbal au Conseil de Cellule pour décision.</p> <p>(2) Les décisions contenues dans le procès-verbal visé au paragraphe (1) du présent article sont mises en exécution par le Secrétaire Exécutif de Cellule.</p> |
| <p><u>Icyiciro cya 3:</u> Imikoranire y'inzeho z'Akagari n'iz'Umurenge</p> <p><u>Ingingo ya 35:</u> Amabwiriza y'Umurenge</p> <p>Amabwiriza y'Umurenge ahabwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, Inama Njyanama y'Akagari ikagenerwa kopi.</p> | <p><u>Section 3:</u> Collaboration between the Cell and Sector organs</p> <p><u>Article 35:</u> Instructions of the Sector</p> <p>Instructions of the Sector are given to the Executive Secretary of the Cell with a copy to the Cell Council.</p> | <p><u>Section 3 :</u> Collaboration entre les organes de Cellule et ceux de Secteur</p> <p><u>Article 35 :</u> Instructions du Secteur</p> <p>Les instructions du Secteur sont données au Secrétaire Exécutif de Cellule avec copie au Conseil de Cellule.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 36:</u> Raporo y'ibikorwa by'Akagari</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari yohereza Ubuyobozi</p> | <p><u>Article 36:</u> Report of the Cell activities</p> <p>The Executive Secretary of the Cell submits a report of the Cell activities to the Authority of</p> | <p><u>Article 36 :</u> Rapport d'activités de Cellule</p> <p>Le Secrétaire Exécutif de Cellule soumet un rapport d'activités de Cellule au Secrétaire</p> |

| | | |
|---|---|--|
